**TUMENYE BIBILIA**
**IKIGANIRO: 0061**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize twatangiye igice cya 1 cy'ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Matayo, kitubwira ku bisekuruza bya Yesu. Twabonye ko Bibiliya yose, igaruka kuri ayo mateka y'ibisekuruza; agizwe n'ibice bitatu by'ingenzi bikurikira:

-Igisekuru, kiva kuri Abrahamu kikagera kuri Dawidi.

-Igisekuru, kiva kuri Salom, kugeza abisiraheri bajyanywe bunyago i Babuloni.

-Igisekuru, gihera ku kujyanwa bunyago i Babuloni, kugeza kuri Yosefu.

Twabonye ko igitabo cy'ITANGIRIRO, duheruka kwiga kivuga ku muryango. Kuko ibisekuruza, ni ikintu cy'ingenzi. Ni yo mpamvu twongera kandi guhura n'uru rutonde rw'ibisekuruza mu Isezerano rishya. Nubwo benshi bumva ko gusoma uru urutonde rw'ibisekuruza, ari uguta igihe. Ariko twabonye ko uru rutonde rw'ibisekuruza bya Yesu, ari ingenzi cyane ku bisiraheri. Kuko bagombaga kumenya niba koko, umuntu uvugwa ari umwisiraheri, bakamenya n'umuryango avukamo. Ni byo bihamya neza ko, Umwami Yesu Kristo aturuka mu gisekuru cy'Abrahamu, akaba uwo mu muryango wa Dawidi. Twasanze ko byombi, ari ingenzi, kuko kuvuka mu gisekuru cy'Abrahamu, bisobanura ubwoko Yesu akomokamo; naho kuba ari uwo mu muryango wa Dawidi, bisobanura ko Yesu akomoka mu gisekuru cy'abami, mbese ko avuka mu bami.

Nshuti yanjye ndashaka kukubwira ko na we ushobora kubarirwa muri icyo gisekuru cya Yesu kubwo kuvuka bushya, (kuvuka bwa 2). Yesu yaravuze ngo; dukwiye kuvuka ubwa kabiri, kugira ngo twinjire mu bwami bw'IMANA (Soma Yoh 3:3). Ibyo biratuganisha mu gitabo cy'ubuzima bw'umwana w'intama, ibyo tukabigezwaho no kwizera Yesu Kristo. Twese turi mu gitabo cya mbere, ari cyo gitabo cy'amasekuruza ya Adamu, ariko nshuti yanjye, niba warizeye, uri no mu gitabo cy'umwana w'intama.

Hari ikintu kidasanzwe nanone twabonye muri iki gisekuru cya Yesu. Twasanze harimo amazina y'abanyamahangakazi bane. Babiri bari abanyakananikazi, undi ari umumowabukazi, naho uwa kane ari umuhetikazi. Iki gikunda kuba ikibazo cyane, aho usanga umuntu yibaza ati; Ese abo bageze mu gisekuru cya Yesu Kristo bate?

- Uwa mbere yitwa Tamari, uyu yari umunyakananikazi, avugwa muri **Mt 1:3.** Inkuru ze tuzisanga mu gitabo cy'Itangiriro igice cya 38. Icyo gice, nicyo kibi cyane muri Bibiliya. Ariko Tamari yinjiye mu gisekuru kuko yari umunyabyaha.

-Uwa 2 ni Rahabu akaba yari umunyakananikazi, avugwa muri **Mt 1:5.** Nawe ntagaragara nk'umunyangeso nziza mu mateka ye, aboneka muri Yosuwa igice cya 2. Ariko yinjiye mugisekuru, aho yabaye umuntu w'igitangaza, amaze kumenya ko habaho IMANA imwe; maze kubwo kwizera ntiyarimbukana n'abe batizeraga, ubwo yakiraga neza abatasi**(Abaheburayo 11:31),** ni kubwo kwizera gusa yinjiye mu gisekuru cya Yesu. Nawe nubwo waba uri umunyabyaha ngwino usingire kwizera .

-Uwa 3 ni Rusi, yari umumowabukazi, nawe avugwa muri **Mt 1:5.** We avugwa nk'umuntu w'umunyangeso nziza, utabonaho ikibi icyo ari cyo cyose, ariko nyine mugihe cye hari hariho itegeko ritemereraga abamowabu n'abamoni kwinjira mumuryango w'abisiraheri (soma Guteg 23:3). Ariko nubwo itegeko ryamuzitiraga, umugabo witwa Bowazi, yaje kumbuga aho yari ari, ahita amukunda akimara kumubona.

-Undi ni Betisheba, yari umuhetikazi, gusa izina rye ntirivugwa bavuga ngo ni Muka Uriya (soma **Mt 1:6**). Izina rye ntirivugwa kuko ibyamubayeho bitaturutse ku cyaha cye. Dawidi niwe wakoze icyaha ni nawe wagombaga kugihanirwa kandi koko byarabaye arahanwa. Yinjiye mu gisekuru cya Kristo kuko IMANA itajugunya uwazimiriye mu byaha. Intama ishobora kuva mu rwuri ikazimira ariko dufite umwungeri w'intama uhora ashakisha izazimiye ngo azigarure mu rwuri, ni nawe wagaruye Dawidi.

Twabonye ko abanzi ba Yesu bashoboraga gusuzuma neza amasekuruza ye, kandi byanze bikunze, baranabikoze. Ibi birashimishije cyane, kandi ni ingenzi. Kuko bagerageje cyane Umwami Yesu, ndetse bagerageje no guhakana izuka rye. Ariko ntibigeze babasha guhakana igisekuru cye. Nta yindi mpamvu, nuko bakurikiranye igisekuru cye, bagasanga ibivugwa ari ukuri.

Nshuti yanjye, ndashaka ko umenya ibi; kuba Bibiliya yaranditswe, kariya gace k'amasekuruza kakazamo, kagatwara umuti mwinshi mu kukandika no kugafotoza, byanga bikunda, gafite umumaro mwinshi kuri twe.

Nyuma y'iyi ncamake y'ikiganiro cy'ubushize, reka noneho dukomereza aho twari tugeze tuvuga ku masekuruza ya Yesu, kandi ndizera ko uri kurushirizaho kunguka byinshi. Imana ikomeze iguhe umugisha.

Reka dusome **Ubutumwa bwiza bwa Matayo (Mt 1:16) haravuga ngo; Yakobo yabyaye Yozefu umugabo wa Mariya, ari we nyina wa Yesu witwa Kristo.**

Muri iri jambo urabona ko ritandukanye n'umurongo wa kabiri ahavuga ngo Abrahamu yabyaye Isaka; kuko kuva kuri uwo murongo, n'ahakurikiye hakomeza havuga runaka abyara, runaka abyara, runaka abyara….Kandi n'uyu murongo wa 16, utangira uvuga ngo Yakobo yabyaye Yosefu. Nk'uko ku yindi mirongo ibanza bimeze, umuntu yahita yibwira ko hari bukomeze nko kuyindi mirongo maze hagakomeza havuga ngo **Yosefu abyara Yesu. Ariko siko biri, ahubwo haravuga ngo Yakobo yabyaye Yosefu, umugabo wa Mariya, ari we nyina wa Yesu witwa**

**Kristo**. Aha Matayo arerekana neza ko Yosefu atari se wa Yesu nubwo ari umugabo wa Mariya. Ibi bishatse kuvuga iki? Matayo akomeza abisobanura mu gice gisigaye yerekana uburyo ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera bwasohoye.

## IVUKA RYA YESU KRISTO

Luka wanditse ubutumwa bwiza, wari umu docteur w'umugiriki yinjiye cyane kumivukire ya Yesu. Yaba we yaba na Matayo bahamya ko Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi. Yosefu ntago yari se kandi nanone Mariya ntiyigeze amuca inyuma bityo rero ntabwo Yesu yari ikinyendaro ahubwo yari Umwana wemewe; Urumva ko iki ari ikintu gishya. Ngira ngo urabizi ko Yeremiya yahanuye ngo umugore azashaka umugabo (Yer 31:22).

Nshuti yanjye sinshaka gushoza urubanza n'abatemera ko Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi. Umuntu afite uburenganzira bwo kutabyemera pe! ariko hariho ingingo 2 zisobanutse nshaka kuvuga: Simpamya ko umuvugabutumwa ashobora guhakana ko Yesu yabyawe n'umwari, hagize ubonetse wabihakana, ibyiza kuri we nuko yajya kwikorera indi mirimo akava mu ivugabutumwa. Ikindi singambiriye kuvuga ko Bibiliya itigisha kukubyarwa n'umwari kwa Yesu. Yesu tuvuga nta bitabo by'amateka bimuvuga ukundi, ngo ubishingireho uhakana ibyo kubyarwa n'umwari. Sinzi niba ushatse kubihakana wabona ibitabo wakwifashisha, cyangwa ibimenyetso byagufasha kwerekana ukuri kwawe. Biroroshye cyane kuba umuhanga mubya tewolojiya, yakwicara agatekereza akandika igitabo asobanura ko bidashoboka ko umukobwa w'isugi yabyara. Ushobora kwandika igitabo kinini rwose ariko nta gitabo cyangwa inyandiko yindi uzabon yo kugufasha guhamya no gusobanura ibyo wanditse; mu bitekerezo byawe uzahamya ko bidashoboka ariko nta kintu na kimwe ufite cyo gushyigikira no guhamya ibyo uvuga. Ariko se waba uri nde wo kuvuga ngo ibyo ntibishoboka. Mumyaka yashize abantu bajyaga bavuga ngo ntawajya ku kwezi; ariko murabona ko ku Mana ntakidashoboka. IMANA niyo yaremye byose kandi ibitegeka uko ishaka, icyo yashaka gukora cyose yagikora ariko igasohoza imigambi yayo. Amateka agaragaza neza ko Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi Mariya.

Umurongo ukurikiyeho wa 17 (**Mt 1:17**) hari icyo usobanura mumasekuruza cy'ingenzi; dore uko havuga: **Nuko ba sekuruza bose uhereye kuri Abrahamu ukageza kuri Dawidi ni cumi na bane, kandi uhereye kuri Dawidi ukageza igihe bimuriwe i Babuloni ni cumi na bane, kandi uhereye icyo gihe bimuriwe i Babuloni ukageza kuri Kristo ni cumi na bane**

Matayo ashyira amasekuruza ya Yesu mu matsinda, akurikije amateka agaragara mu isezerano rya kera: hari uguturuka kuri Abrahamu kugera kuri Dawidi, hakaba guturuka kuri Dawidi kugera kukwimurirwa i Babuloni, hakaba no kukuva kukwimurirwa i Babuloni kugeza ku kuvuka kwa Yesu. Biragaragara ko Matayo hari amazina amwe yagiye akuramo kugira ngo agende yuzuza ibisekuru cumi na bine kuri buri cyiciro. Aha umuntu yakwibaza ati; ibyo yabikoreye iki? Ikigaragara nuko umubare cumi na kane (uhwanye na karindwi inshuro ebyiri) ushushanya ikintu cy'ingenzi kuby'amasekuruza.

Nshuti yanjye wibuke ko Matayo yerekanye ko Yosefu atari se wa Yesu, ubu rero agiye kudusobanurira neza uko bimeze. Mu isezerano rya kera, ivuka rya Yesu ridasanzwe ryari ryarahanuwe. Yeremiya yari yarahanuriye abisiraheri ati; Uzakora hirya no hino uzahereze he wa mukobwa wasubiye inyuma we? Kuko Uwiteka yaremye ikintu gishya mu isi, umugore azashaka umugabo (Yer 31:22). Ibyo siko bigenda nshuti yanjye, si ivuka risanzwe, birenze imyumvire ya muntu. Kuvuka kwa Yesu abyawe n'umukobwa w'isugi ni ikintu gishya IMANA yikoreye, kandi hasohozwaga ubuhanuzi bwa Yesaya.

**Umurongo ukurikiyeho (Mt 1:18) hagira hati: Kuvuka kwa Yesu Kristo kwagenze gutya: nyina Mariya yari yarasabwe na Yosefu, ariko yari ataramurongora, babona afite inda y'Umwuka Wera**.

Nk'uko Matayo yabivuze Mariya yatwite yitegura gushyingirwa, kandi atararyamana n'umugabo asamye kubw'Umwuka Wera.

Umurongo wa 19 ukurikiyeho uravuga ngo: **Umugabo we Yozefu kuko yari umukiranutsi kandi adashaka kumukoza isoni ku mugaragaro, yigira inama yo kumubenga rwihishwa (Mt 1:19)**

Ubundi amategeko yavugaga ko umukobwa ugaragayeho ubusambanyi yagombaga kwicishwa amabuye; kuko cyari icyaha gikomeye. Ariko Yosefu yari umukiranutsi ntiyashakaga kumwandagaza. Ariko Mariya nawe yari umukiranutsi, niwe Imana yahisemo kuba nyina w'Umwami, kandi ntabwo yamwibeshyeho. Ntabwo IMANA yibeshye mu gutoranya Yosefu kuko nawe yari umukiranutsi wayo. Iyo Yosefu aza kuba undi muntu ubonetse wese aba yaratanze Mariya bakamwicisha amabuye. Barakundanaga bombi kandi ntabwo Yosefu yigeze ashaka gukomeretsa Mariya, nubwo ashobora kuba yaratekerezaga ko yaba yaramuciye inyuma.

Umurongo ukurikiye wa 20 uravuga ngo: "**Akibitekereza Malayika w'Umwami Imana amubonekera mu nzozi ati: Yozefu mwene Dawidi, witinya kurongora umugeni wawe Mariya, kuko imbuto imurimo ari iy'Umwuka Wera**" **Mt 1:20**

Muri uyu murongo turabona ko kugira ngo hatagira ikintu kibi kibaho, Malayika yabonekeye Yozefu amusobanurira neza aho inda Mariya atwite yaturutse.

Ku murongo ukurikiyeho hagira hati: **Azabyara umuhungu uzamwite YESU kuko ari we uzakiza abantu ibyaha byabo (Mt 1:21)**

Izina rya Yesu risobanura "**Umukiza"**; umwana wagombaga kuvuka, yagombaga kwitwa Yesu kuko ari we uzakiza abantu ibyaha byabo.

Umurongo ukurikiyeho ukomeza uvuga ngo: **Nuko ibyo byose byabereyeho kugira ngo ibyo Umwami Imana yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi bisohore. Mt 1:22**

Matayo wanditse ubu ubutumwa abwandikira abisirahari, yavuze ko ibyo byabereyeho kugira ngo ibyavuzwe n'IMANA mu kanwa k'abahanuzi bisohore, bityo agashaka kubereka neza ko uzavuka yagombaga kuza kuzuza ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya kera.

Bivugwa ko hari ubuhanuzi burenga 300 buvuga kukuza kwa Kristo bwasohojwe mu gihe cyo kuvuka kwe. Usanga Matayo yararushije abandi banditsi b'ubutumwa bwiza, kwinjira cyane mu isezerano rya kera, agaragara nk'uwandukura ibintu byo mu isezerano rya kera; kuko ubona ko icyo yitaho cyane atari ukuvuga ku buzima bwa Kristo, ahubwo yita kugusohora k'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya kera bwerekeye kuri we.

Niyo mpamvu yakomeje asubiramo ubuhanuzi bwa Yesaya 7:14 havuga ngo: **Dore umwari azasama inda kandi azabyara umuhungu azitwa Emanweli risobanura ngo IMANA iri kumwe natwe. (Mt 1:23)**

Reka duse n'abatinda gato kuri ibi bihe bivugwa hano: umuhakanyi umwe yahakanye ibyo kuvuka kwa Yesu abyawe n'isugi Mariya, ndetse aratinyuka avuga ko ntaho Bibiliya ivuga iby'isugi izabyara. Hari n'ingeri cyangwa version zimwe za Bibiliya zasohotse zigamije gushyigikira ibitabo bimwe byanditswe n'abahakanyi. Mu by'ukuri nzi neza ko bimwe mubyo bahakanye, harimo umukobwa w'isugi kubyara Yesu.

Mu Isezerano rishya kuri izo Bibiliya z'abahakanyi zasohotse mu 1946; bageze muri **Matayo 1:23** banditsemo ngo; ibi byose byabereye kugira ngo hasohore ibyavuzwe n'Imana inyuze mu kanwa k'umuhanuzi: dore umukobwa muto azatwara inda, kandi uzavuka azitwa Imanweli (bisobanura ngo IMANA iri kumwe natwe).

Mu Isezerano rya kera, izo Bibiliya zasohotse mu 1952 zerekana ko muri Yesaya 7:14 handitse ngo: hanyuma IMANA ubwayo izabaha ikimenyetso: dore umukobwa muto azasama inda kandi uzavuka azitwa Imanweli. Ngaho nawe rebe ukuntu muri Yesaya bakuyemo ijambo ISUGI bakarisimbuza UMUKOBWA MUTO, nubwo muri Matayo 1:23 bakoresheje ijambo ISUGI riza ari ubuhanuzi bwa Yesaya 7:14.

Ubuhanuzi bwa Yesaya 7:14 bwatanzwe nk'ikimenyetso. Nshuti yanjye ndakumenyesha ko atari ikimenyetso cy'umukobwa muto uzasama umwana w'umuhungu. Dusomye muri Yesaya 7:14 Bibiliya y'ururimi rw'umwimerere rw'igiheburayo ijambo **ISUGI** rivuga **almah.** Abahinduye izo Bibiliya z'ubuyobe bo bashyizemo inyandiko ya **Gesenius,** umushakashatsi wifashishije inkoranyamagambo ishaje y'igiheburayo. Gesenius yemeye ko igisobanuro gihuriweho cy'iryo jambo ari ISUGI, ariko anavuga ko bashobora kurihindura, bakandika ngo "**UMUKOBWA MUTO**". Impamvu yavuze ibyo nuko atizeraga ibitangaza, bityo rero abihindura gutyo ndetse n'abamukurikiye bose bakomeza kwita ijambo **almah** umukobwa muto aho kwandika ijambo **ISUGI**.

Reka tugaruke muri Yesaya igice cya 7, turebe ikibazo kigaragaramo. Iki cyari igihe Ahazi yari ku Ngoma akaba n'umwe mubagiye kure y'IMANA cyane, kandi jye mufata nk'umwe mu bami

babi. Imana yohereje Yesaya kumushyira ubutumwa atabashije gusobanukirwa. Turasoma ngo: Uwiteka yongera kubwira Ahazi ati: Saba Uwiteka Imana yawe ikimenyetso, usabe icy'ikuzimu cyangwa icyo hejuru mu kirere. Ariko Ahazi aravuga ati: Ntacyo nsaba, singiye kugerageza Uwiteka" **(Yes 7:10-12).** Gusa ibyo yavuze byari uburyarya. IMANA yabwiye Yesaya kujya guhura na Ahazi kugira ngo amuhanurire, maze IMANA imuhe ubutsinzi. Nyamara Ahazi ntabwo yemeye amagambo y'Imana, ariko kugira ngo IMANA izamure kwizera kwe imuha ikimenyetso. Nyamara mu kwihagararaho kwa Ahazi arivugisha ngo ntiyagerageza IMANA ayisaba ikimenyetso, maze Yesaya aramubwira ati; IMANA ubwayo izakwihera ikimenyetso mwabyemera mutabyemera ati; ariko ikimenyetso si icyawe gusa ahubwo ni icy'inzu yose ya Dawidi. Ati kandi icyo kimenyetso ni icyi: dore umwari azasama inda y'umuhungu uzitwa Imanweli (Yes 7:14). Bigaragara neza ko iyo haza kuba havugwa umukobwa muto ntabwo cyari kuba ari ikimenyetso kuri Ahazi, cyangwa ku nzu ya Dawidi yose. Ahubwo kiba cyarabaye ikimenyetso ku muntu uwo ari we wese ariko umukobwa w'isugi atwaye inda y'umuhungu nshuti yanjye icyo ni ikimenyetso gifatika.

Mu isezerano rya kera aho ijambo **almah** rikoreshwa riba risobanura **ISUGI**. Rebeka yiswe almah mbere yuko ashyingiranwa na Isaka. Hari umukozi w'Imana wigeze kubaza umukristo w'umuheburayo icyo ijambo **scholar** risobanura neza mu giheburayo, aramusubiza ati tuvuge ugiye nko gusura umuntu w'inshuti yawe ufite abakobwa batatu (3), babiri muri bo barashyingiwe undi araho atarashaka. Ashobora kukubwira ati abakobwa banjye babiri barashyingiwe naho uyu muto, ni umukobwa wanjye wa gatatu. Ese utekereza ko yaba ashatse kuvuga ko ari indaya mu gihe avuze ngo umukobwa muto? Uramutse uvuze ikindi, ntumwite isugi yahita agucecekesha wareba nabi akanagukubita. Aha najye nanga ko habaho abahakana ukubyarwa n'isugi kwa Kristo, mu gihe bagomba kuboneka mu maso y'umwana w'IMANA. Ibyiza kuri bo nuko batakwirirwa bavuga amagambo yo kumusebya.

Icyerekana ko ijambo **almah** risobanura **ISUGI** ni Bibiliya ingeri, cyangwa **version yitwa septante**. Hagati y'isezerano rishya n'irya kera , abashakashatsi 72 b'abisiraheri (buri muryango uhagarariwe n'abantu 6) bahuriye muri I Alexandriya muri Egiputa bahindura isezerano rya kera ryo mu Giheburayo barishyira mu Kigiriki. Muguhindura muri urwo rurimi, bageze ku ijambo ikimenyetso ryo muri Yesaya bose uko ari 72 bamenya ko ryerekanaga ISUGI maze baryita **parthenos** nk'uko ryitwa murugiriki. Uko niko na Matayo yarikoresheje mu butumwa bwiza. Nshuti yanjye, ijambo parthenos ntirisobanura umukobwa muto ahubwo risobanura ISUGI.

REKA NONEHO MURI AKA KANYA TUREBE IBY'IZINA RYA YESU:

Hari ikintu cy'ingenzi hano twarebaho: "dore umwari azasama inda azabyara Umwana w'umuhungu azitwa Imanweli bisobanura ngo IMANA iri kumwe natwe. Aha birasa naho hari ikibazo: Ese ahubwo hari aho wigeze wumva bahamagara Yesu ngo Emanweli? Oya, yitwa Yesu kuko ari ryo zina rye. Yahawe iri zina kuko ari we ugomba gukiza abantu be ibyaha byabo, mbese ni Kristo mu izina rye ry'icyubahiro. Ariko haranditse ngo azitwa Imanweli aribyo bisobanura ngo IMANA iri kumwe natwe.

Nshuti yanjye, iki ni kimwe mu bintu byiza cyane, byo gutindaho muri Bibiliya yose. Reka turebe kuri ibi: Imanweli bisobanura IMANA iri kumwe natwe, ntashobora kuba Imanweli, IMANA iri kumwe natwe; keretse avutse ku isugi gusa nibwo buryo bwonyine. Kandi menya ko adashobora kuba Yesu Umukiza keretse ari Imanweli. Impamvu bagomba kumwita Yesu Umukiza ni uko ari IMANA iri kumwe natwe. Uku kuri k'uwavuye mu ijuru akaza mu isi ni ikintu gitangaje muri Bibiliya.

Nyamara tubona ko Yesu Yaciye bugufi, ajya munsi y'abamalayika ho hato, yemera kubabara ndetse kugera ku rupfu, yambara ubwiza n'icyubahiro nk'ikamba kugira ngo kubw'ubuntu bw'IMANA asogongerere abantu be bose urupfu (Abah 2,9). Yagombaga kuba igitambo cyemewe; jye sinari kubasha gupfira abanyabyaha b'isi yose nta nubwo nari gupfa ubwanjye ngo ncungure ubugingo bwanjye ariko we yarabikoze. Ni gute Yesu yaba umucunguzi? Ni uko ari Imanweli, IMANA iri kumwe natwe. Ni gute yashoboraga kubana natwe? Yavutse ku mukobwa w'isugi. Reka nongere mbisubiremo: yiswe Yesu ntawigeze amuhamagara Imanweli ariko ntushobora kumwita Yesu keretse ari Imanweli, IMANA iri kumwe natwe. Agomba kuba Imanweli kugira ngo abe Umukiza w'abari mu isi yose ari nacyo gituma dutsindagira imivukire ye ku mukobwa w'isugi.

Ese birashoboka ko umuntu yaba umukristo, kandi agahakana ko Yesu yabyawe n'umukobwa w'isugi? Nshuti yanjye nyumva neza: bishoboka ko ushobora kwakira Yesu nk'Umucunguzi ariko ukaba utazi byinshi kuri we, hari n'igihe umuntu aba atazi ko byanditse muri Bibiliya, ariko nyuma yo guhinduka Umwana w'IMANA ntuzahakana ko Yesu yabyawe n'isugi Mariya. Kugira ngo ukizwe sicyo cya mbere cyo kumenya ariko nk'umwana w'IMANA ntugomba kubihakana.

Ese ubwo ntumfashe nk'umwigisha w'amahame? Ndavuga ibi kuko ari ngombwa rwose , nifuza umuntu uza mu isi maze akandokora, abaye ari umuntu nkanjye ntiyabishobora ariko abaye ari Imanweli IMANA iri kumwe natwe ndetse yaravutse ku mukobwa w'isugi uwo niwe mukiza wanjye Wabasha kuncungura. Ese nawe waba waramwakiriye nk'Umukiza wawe? Yitangiye abo mu isi yose, asogongera urupfu ku bwacu apfa urupfu rwo kumusaraba ari twe abikorera.

Reka dusenge:

*Mwami Yesu ndagushimiye ko wavutse ku mukobwa w'isugi nk'ikimenyetso kerekana ko uri Emanueli, Imana iri kumwe natwe, kandi iyo utaba hamwe natwe, ntabwo wari kwi Yesu Umukiza. Warakoze kwambara umubiri, kugira ngo uncungure, icyubahiro ni icyawe none n'iteka ryose, amen!*

IMANA iguhe umugisha ko wabanye nanjye, ubutaha nzakubwira uburyo abanyabwenge baje kuramya Yesu amaze kuvuka.